*REPUBLIKA Y'U RWANDA*
*MINISITERI Y'URUBYIRUKO,*
*SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA*
*IMYUGA ICIRIRITSE*
*B.P. 1044 - KIGALI*

*INAMA NKURU*
*Y'URUBYIRUKO*
*NYARWANDA*
*B.P. 4460 - KIGALI*

# INZEGO Z'URUBYIRUKO

# MU RWANDA

UGUSHYINGO 1998

## IBIKUBIYE MURIYI NYANDIKO

URUPAPURO

UMUTWE WA MBERE : *UTORWA NI NDE ?* ........ *4*

UMUTWE WA KABIRI : *INZEGO ZITORWA N'ABATORA* ........ *4.*

UMUTWE WA GATATU : *KWIYAMAMAZA* ........ *5.*

UMUTWE WA KANE : *GUTORA NO GUTSINDA AMATORA* ........ *5*

UMUTWE WA GATANU : *ABAGIZE KOMISIYO Y'AMATORA* ........ *6*

UMUTWE WA GATANDATU : *MANDA* ........ *10*

UMUTWE WA KARINDWI : *INGINGO ZISOZA* ........ *11.*

# I. *ISOBANURAMPAMVU*

Ubushakashatsi bwakozwe n'impuguke mu Ugushyingo 1996 bwerekana ko Urubyiruko rw'Abanyarwanda rugize hafi 33% ; Ibi birerekana ko Urubyiruko rugize umubare munini w'Igihugu. Urubyiruko nirwo ngufu kandi rukaba amizero y'igihugu. Niyo mpamvu rugomba kwitabwaho rugahabwa urubuga n'uburyo bwo guteza imbere igihugu, rukagira uruhare rugaragara mu miyoborere yacyo.

Ubutegetsi bwagiye bukurikirana mu Rwanda kuva igihe cy'ubukoroni ntibwitaye k'urubyiruko. Abategetsi bihatiraga gukoresha urubyiruko ku nyungu zabo aho kuruteza imbere no kurutoza umuco wo gukunda no kubaka igihugu. Ingaruka z'iyo mikorere zigaragara cyane cyane mu ruhare rwagize mw'intsembabwoko n'itsembatsemba.

- Tumaze kubona ko urubyiruko arirwo rugize igice cy'abanyarwanda gifite imbaraga.
- Tumaze kubona kandi ko urwo rubyiruko rudafite uburyo bwiza bwo kuyoborwa no kwiyobora.
- Tumaze kubona ko urwo rubyiruko rufite uburere butandukanye buturutse ku bibazo igihugu cyacu cyagiye gihura nabyo bigatuma abana bacyo batatana.
- Tumaze kubona ko urubyiruko rwari mu gihugu imbere rwashowe mu bwicanyi.
- Tumaze kubona ko Urubyiruko rw'u Rwanda rufite ubushake bwo kubaka ibihugu cyarwo.

Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse irasanga ari ngombwa ko urubyiruko rugira ihuriro rusange ryatuma ibyifuzo byarwo bishyirwa mu bikorwa ndetse n'icyo Leta yifuza k'urubyiruko kikagerwaho mu bwumvikane.

Ihuriro ry'urubyiruko rigomba kuba rigizwe n'abahagarariye urubyiruko rwose rw'u Rwanda bakomotse mu nzego zo hasi kuva kuri Selire kugeza ku rwego rw'Igihugu, n'abari mu miryango n'amashyirahamwe y'urubyiruko yigenga yemewe n'amategeko hamwe n'urundi rubyiruko.

Urwego rukuru rw'urubyiruko rugomba kuba urwego rugena gahunda y'ibikorwa by'urubyiruko, guhuza ibyifuzo byarwo, gushakira hamwe inzira zo gukemura ibibazo bibangamira imibereho y'urubyiruko, ubuzima n'iterambere byarwo muri rusange.

## *II INTEGO :*

1. Guhuza urubyiruko mu muryango umwe.
2. Guha urubyiruko uburere mbonera-gihugu no kurufasha kwidagadura.
3. Guhuza urubyiruko ku bikorwa birugirira akamaro ubwarwo by'umwihariko bikakagirira n'igihugu muri rusange.
4. Kurwanya inzira mbi zose zikoresha urubyiruko mu bitarufitiye akamaro cyangwa ibyarugiraho ingaruka mbi.

5. Gutuma Leta ifata ibyemezo bireba urubyiruko ikurikije ibyifuzo byarwo.

6. Kubategura kuzakora imirimo ibategereje ari bakuru.

7. Gutoza urubyiruko kumenyera kwicyemurira ibibazo.

8. Guhesha urubyiruko ijambo mu nzego zose mu miyoborere y'Igihugu.

9. Gutuma abayobozi baruvuganira ku bibazo birwugarije.

Kugira ngo ibi bigerweho, urubyiruko rugomba kugira aho ruhurira (Inzego).

## *III. IMITERERE, IMIKORERE N'IMIKORANIRE*

### A) IMITERERE

Inzego z'Ubuyobozi bw'Urubyiruko ziri kuri Serire, Segiteri, Komini, Perefegitura n'Igihugu.

a **Urwego rwa Serire, Segiteri, Komini, Perefegitura** :

Abahamagarirwa kujya nzego ni urubyiruko ni abanyarwanda guhera ku myaka 14 kugeza kuri 35. Bitorera abayobozi bashinzwe imirimo ikurikira, n'abagize Komite Nyanama.

**Komite Nyobozi** :

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Ushinzwe uburezi n'umuco
5. Ushinzwe abari
6. Ushinzwe ingimbi
7. Ushinzwe kwongera umusaruro n'imibereho myiza
8. Ushinzwe imari
9. Ushinzwe Siporo n'imyidagaduro
10. Ushinzwe itangazamakuru n'ubushakashatsi.

### B. IMIKORERE

Abagize Komite Nyobozi kuri buri rwego bashinzwe ibi bikurikira :

1. **Umuhuzabikorwa :**
   - Guhuza ibikorwa
   - Gutegura inama afatanije n'Umunyamabanga
   - Kuyobora inama zose
   - Kuyobora imikemurire y'impaka zivutse
   - Guhagararira urwego ayobora no kuruvuganira mu zindi nzego ari

iz'urubyiruko cyangwa izindi.
- Gukurikirana gahunda y'ibikorwa yemejwe n'Inteko Rusange ku rwego ariho.

2. **<u>Umuhuzabikorwa wungirije</u>** :
   - Asimbura Umuhuzabikorwa mu mirimo yose igihe adashoboye kuboneka
   - Kwunganira Umuhuzabikorwa igihe cyose bibaye ngombwa
   - Ashinzwe imyifatire myiza (discipline y'urubyiruko).

3. **<u>Umunyamabanga</u>** :
   - Gufatanya n'Umuhuzabikorwa gutegura no gutumira inama
   - Kwandika imyanzuro y'inama zakozwe
   - Kugeza ku bitabiriye inama icyegeranyo cy'ibyavuzwe mu nama iheruka
   - Kubika neza inyandiko z'urwego arimo n'izindi zose za ngombwa
   - Gusubiza amabaruwa urwego rwandikiwe afatanije n'abarebwa n'ibivugwa mu rwandiko
   - Kwakira ibibazo by'urubyiruko bijyanye n'amakimbirane avuka hagati yabo no kubigeza kuri Komite Nyobozi ngo bishakirwe ibisubizo.

4. **<u>Ushinzwe uburezi n'umuco</u>** :
   - Gutegura amahugurwa y'urubyiruko k'uburere mboneragihugu
   - Gushakisha inyandiko zose zafasha urubyiruko kwihugura mu byarugirira akamaro
   - Gutegura no gushyira mu bikorwa ingamba mbonera muco
   - Kwigisha no gushaka abigisha ibijyanye n'iby'urubyiruko rushaka guhugurwamo
   - Gukangurira urubyiruko kwitabira kujya mu mashuri
   - Gushakira urubyiruko amahugurwa mu bukorikori n'ikoranabuhanga.

5. **<u>Ushinzwe abari</u>** :
   - Guteza imbere imishinga y'abari
   - Gushishikariza abari kwibumbira mu mashyirahamwe ari ayo bihariye cyangwa ayo bahuriramo n'urundi rubyiruko
   - Gukangurira abari kwitabira kujijuka no guha agaciro umuco nyarwanda
   - Gushishikariza abari kumenya uruhare rwabo mw'itera mbere ry'igihugu.

6. **<u>Ushinzwe ingimbi</u>** :
   - Gutoza ingimbi (6-13ans) umuco wo gusabana no kubategurira imikino
   - Kwita by'umwihariko ku bana bato bafite ibibazo byihariye
   - Gutoza ingimbi uburere mbonera gihugu kugirango bazakure bashishikajwe no gukunda igihugu.

7. **<u>Ushinzwe umusaruro</u>** :
   - Gushaka ibikorwa byakwongera umusaruro
   - Gushishikariza urubyiruko kwongera umusaruro
   - Gushaka isoko ry'ibyakozwe
   - Gushyigikira ishyirwaho ry'amashyirahamwe yo kwongera umusaruro
   - Gushakira imfashanyo amashyirahamwe akora ibikorwa bijyanye no kwongera umusaruro
   - Gutegura no gukoresha amahugurwa ajyanye no kwongera umusaruro
   - Gukangurira urubyiruko no kwita ku mibereho myiza yarwo
   - Gufasha urubyiruko kubona ibyangombwa by'ibanze bishobora

kubafasha mu mibereho myiza yabo.
- Gutegura no gukoresha amahugurwa yigisha imibereho myiza.

8. **Ushinzwe imali :**
- Kubarura no kubika umutungo w'urubyiruko ku rwego arimo
- Gutegura raporo y'imikoreshereze y'imali
- Gufatanya n'ushinzwe umusaruro kwiga ukuntu umutungo wakwiyongera
- Gufatanya n'Umuhuzabikorwa mu kubitsa no kubikuza amafaranga muri za banki
- Kwandika mu bitabo by'icunga-mali n'ibarura-mali no kubibika neza
- Gutegura amahugurwa kw'icunga-mutungo.

9. **Ushinzwe Ububanyi n'Amahanga :**
- Guhuza urubyiruko rwo mu Rwanda n'urwo mu mahanga
- Guteza imbere ubucuti, ubusabane n'ubutwererane bw'urubyiruko rw'u Rwanda ndetse n'urwo mu mahanga
- Gushakira isoko ibikorwa by'urubyiruko mu mahanga.

10. **Ushinzwe Siporo n'imyidagaduro :**
- Ashinzwe kwigisha no gukundisha urubyiruko imikino yose ya gakondo n'indi igihugu cyungutse
- Gushinga amatorero
- Gutegura amarushanwa ari ay'amakipi y'umupira, ari ay'amatorero, ari n'ibindi bikorwa byerekeye umuco,imikino n'igororangingo
- Gushakira urubyiruko amahugurwa mu by'imikino n'imyidagaduro.

12. **Ushinzwe itangaza-makuru :**
- Kumenyekanisha amakuru y'ibibera mu gihugu n'ahandi mubyerekeye imibereho y'urubyiruko
- Gutara amakuru no kuyatangariza urubyiruko ku rwego arimo
- Gutegura ibiganiro-mpaka
- Kuba umuvugizi w'Inama wa Komite Nyobozi
- Gukundisha urubyiruko umuco wo gusoma, kwandika n'ubushakashatsi
- Gushakira no kugeza k'urubyiruko ibikorwa n'ibikoresho birufasha mw'ikorana buhanga no mu bushakashatsi.

- Komite Nyobozi kuri buri rwego niyo ishinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zose zafashwe n'Inteko Rusange, ikanazikurikirana. Ishinzwe gukurikirana imibereho y'urubyiruko ku rwego iriho. Igihe itorerwa kizagenwa n'Inama Nkuru y'Urubyiruko.

- **Abajyanama** :
  - Gushingwa indi mirimo yose yaba ihari
  - Kuri buri rwego bashinzwe gufasha Komite Nyobozi nk'Intumwa z'Inteko Rusange bahagarariye
  - Kugira inama Komite Nyobozi
  - Kugira inama, guhanura urubyiruko bafatanije n'abandi bayobozi.

- **Abagenzuzi**

  Kuri buri rwego bashinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya za gahunda no kuzikurikirana.

- **Inteko Rusange kuri buri rwego ishinzwe ibi bikurikira :**

1. Kwemeza imigambi na gahunda y'ibikorwa bya buri rwego no kumenyeshwa uko bishyirwa mu bikorwa na komite Nyobozi.
2. Kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imali by'umwaka, aho bishoboka
3. Gususuma kwemeza cyangwa guhindura ibyemezo byafashwe na komite Nyobozi
4. Kumenyesha ibibazo no gushaka uburyo byacyemurwa
5. Gufatira ibihano birimo no gusimbura umuyobozi wifashe nabi cyangwa wagaragayeho ubushobozi buke
6. Gusuzuma no gufata ibyemezo ku buryo umustekano wabungwabungwa muri muri Karere
7. Gutora abayobozi ku rwego iriho.

## C. IMIKORANIRE

- **Imikoranire y'Inzego z'Urubyiruko ubwazo**

1. Raporo zitangwa kuva ku rwego rwo hazi kurera ku rwo hejuru
2. Inzego zo hejuru zikurikirana imikorere y'izo hasi yazo zihuje inshingano
3. Komite zose zigomba gukurikiza gahunda y'ibikorwa yagenwe n'inteko rusange.

- **Imikoranire y'Inzego z'Urubyiruko n'izindi nzego**

1. Abahuzabikorwa mu nzego z'urubyiruko bazahagararira urubyiruko mu nzego z'ubutegetsi bw'igihugu
2. Abahagarariye abari mu nzego z'urubyiruko bazungurana inama mu bikorwa byabo n'iby'inzego z'abari n'abategarugori
3. Inzego z'urubyiruko zizakorana n'imiryango nterankunga, abanyarwanda n'abandi, zishingiye k'ubufatanye n'ubwuzuzanye.

## *IV. INAMA NKURU Y'URUBYIRUKO*

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu rukeneye ko urubyiruko rugira uruhare mu gufata ibyemezo bireba ubuzima bw'igihugu. Bikaba ngombwa ko habaho urwego urubyiruko runyuzamo ibitekerezo byarwo rukanahagararirwa mu buryo bwemewe n'amategeko y'igihugu.

**Abagize inama nkuru y'urubyiruko**

1. Abahagarariye Komite Nyobozi za Perefegitura za Perefegitura zose
2. Abagize Komite nyobozi y'ishyirahamwe ry'abanyeshuri
3. Abagize Komite nyobozi y'Inama Nkuru y'Urubyiruko bazaba batowe, muri abo tumaze kuvuga haruguru (1 na 2)
4. Abahagarariye andi mahuriro y'urubyiruko azaba yemewe n'inteko Rusange.

**ICYITONDERWA**

1. Abahagarariye Komite Nyobozi za Perefegitura ni Biro n'Umwari nibura umwe uzaba ari muri Komite Nyobozi ya buri Perefegitura
2. Inama Nkuru y'Urubyiruko ifite inshingano yo guhuza, gushyigikira urubyiruko no gukemura amakimbirane mu miryango y'urubyiruko, ishingiye ku bubasha (mandat) ihabwa na Ministeri ishinzwe urubyiruko.

**URWEGO RW'IGIHUGU**

Komite Nyobozi y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu igizwe n'abayobozi bakurikira :

1. Umuyobozi Mukuru
2. Umuyobozi Mukuru wungirije
3. Umunyamabanga Mukuru
4. Ushinzwe Uburezi n'Umuco
5. Ushinzwe Abari
6. Ushinzwe Ingimbi
7. Ushinzwe Imari
8. Ushinzwe Ububanyi n'Amahanga
9. Ushinzwe Siporo n'Imyidagaduro
10. Ushinzwe Itangazamakuru n'Ubushakashatsi.
11. Ushinzwe kwongera umusaruro n'imibereho myiza
12. Ushinzwe Imyifatire Myiza y'Urubyiruko.

Kuva ku rwego rwa Selire kugeza ku rw'Igihugu hari Komite Nyobozi n'Inteko Rusange :

1. Inteko Rusange ya Selire igizwe n'Urubyiruko rwose rwa Selire.
2. Inteko Rusange ku rwego rwa Segiteri igizwe na Komite Nyobozi ya Segiteri, Abajyanama n'Abagenzuzi kuri buri Selire n'abagize Komite Nyobozi muri Selire zose z'iyo Segiteri.
3. Inteko Rusange ku rwego rwa Komine igizwe na Komite Nyobozi ku rwego rwa Komini, Abagenzuzi n'Abajyanama ba buri Segiteri hamwe na Komite Nyobozi ku rwego rwa buri Segiteri.
4. Inteko Rusange ya Perefegitura igizwe na komite Nyobozi ku rwego rwa Perefegitura, Abagenzuzi n'Abajyanama ba buri Komini hamwe na Komite Nyobozi ku rwego rwa buri Komini.
5. Inteko Rusange ku rwego rw'Igihugu igizwe n'abagize Inama Nkuru y'Urubyiruko nkuko bisobanurwa muri iyi nyandiko.
6. Inteko Rusange kuri buri rwego yitorera Komite Nyobozi, abajyanama batatu (3) abagenzuzi batatu (3).

**ICYITONDERWA**

1. Ku rwego rwa Komini n'urwa Perefegitura buri nteko rusange igomba kubamo abanyeshuri 15 bahagarariye abandi batowe n'abanyeshuri biga mu mashuri ari mur'iyo Komini/ Perefegitura.
2. Amategeko agenga amatora y'inzego akubiye mu nyandiko yihariye.

*V. UMWANZURO*

Tumaze kubona ko mu mateka y'imitegekere y'igihugu kuva mu gihe cy'ubukoroni urubyiruko rwahejwe mu miyoborere y'igihugu ; rugatozwa amacakubiri n'izindi nyigisho mbi, turasanga rwagira urwego runyuzamo ibitekerezo byarwo bityo rukagira uruhare rugaragara mu miyoborere y'igihugu no mu kugiteza imbere.

Urwo rwego ruzashyirwaho n'urubyiruko kuva kuri Selire kugeza ku rwego rw'igihugu hakurikijwe amatora. Ibisobanuro biruseho biri mu nyandiko yihariye y'amatora. Inzego zigendera kw'itegeko shingiro ry'Inama Nkuru y'Urubyiruko.

# ***UMUGEREKA***

*Amabwiriza agenga Amatora*

*y'Inzego*

*z'Urubyiruko*

*MINISITERI Y'URUBYIRUKO,*
*SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA*
*IMYUGA ICIRIRITSE*
*B.P. 1044 - KIGALI*

*INAMA NKURU*
*Y'URUBYIRUKO*
*B.P. 4460 - KIGALI*

# AMATORA Y'ABAYOBOZI

# B'INZEGO

# Z'URUBYIRUKO

*UGUSHYINGO 1998*

## Ijambo ry'Ibanze :

Urubyiruko ni igice kimwe mu bigize umuryango w'Abanyarwanda kandi gifite imbaraga bikaba ngombwa ko rwitabwaho by'umwihariko. Ni muri urwo rwego, Politiki ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ishyize imbere ingamba zo gufasha urubyiruko kwikemurira ibibazo birwugarije nk'ubujiji, ubukene, ubumenyi buke mw'ikoranabuhanga, ubushomeri, iyongera ry'umubare w'abaturage, indwara z'ibyorezo nka SIDA, n'ibindi bibazo rwatewe n'amateka mabi yaranze u Rwanda kuva mu gihe cy'ubukoroni, Repubulika ya mbere n'iya kabiri, yarushoye mw'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Mu rwego rwo kuvana urubyiruko mu kangaratete, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yiyemeje kuvugurura Politiki yaranze urubyiruko muri Leta zayibanjirije, ku isonga hakaba hagamijwe gushinga Inzego z'Urubyiruko. Munzira yo kubishyira mu bikorwa hakaba harashyizweho Inama Nkuru y'Urubyiruko y'agateganyo. Inshingano yayo y'ibanze ikaba ari ugushinga inzego z'urubyiruko zitowe kuva kuri selire kugeza ku rwego rw'igihugu ibifashijwemo n'inzego za Leta bireba, uburyo amatora azakorwa bikaba bikubiye mu nyandiko ikurikira.

Inzego z'Urubyiruko zigiye gushingwa nizo zizaba urubuga ruhoraho urubyiruko rushyikirana n'abayobozi b'igihugu ; ni inzira leta yahisemo ruzaboneramo umusanzu wo kubaka igihugu runiyubaka. Ni ngombwa ko buri wese azitabira.

Dr Jacques BIHOZAGARA

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

## UMUTWE WA MBERE : UTORWA NI NDE ?

**Ingingo ya mbere** :

Buri munyarwanda ufite kuva ku myaka 14 kugeza kuri 35 yemerewe kuba mu nzego z'urubyiruko. Afite uburenganzira bwo gutorerwa umwanya w'ubuyobozi.

**Ingingo ya kabiri** :

Ntawitoresha mu karere umuryango we udatuyemo cyangwa adafitemo umurimo wa buri munsi.

**Ingingo ya gatatu** :

Kugirango umuntu atorwe agomba kuba abifitiye ubushake n'ubushobozi kandi ari inyangamugayo. Inyangamugayo bivuga :

- Kuba ataragize uruhare mw'itsembabwoko n'itsembatsemba
- Kuba indakemwa mu mico no mu myifatire
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo kirenze amezi atandatu
- Kuba atagendera mu macakubiri.

## UMUTWE WA KABIRI : *INZEGO*

**Ingingo ya kane** :

Ubuyobozi bw'urubyiruko kuva kuri Serire kugeza kuri Perefegitura bugizwe na :

a). *Komite Nyobozi* :

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Ushinzwe Umuco n'Uburezi
5. ‘’ Kongera Umusaruro n'Imibereho Myiza y'Abaturage
6. ‘’ Imali
7. ‘’ Siporo n'Imyidagaduro
8. ‘’ Ingimbi
9. ‘’ Abari
10. ‘’ Itangazamakuru n'Ubushakashatsi.

*b)* Abajyanama batatu (3) kuri buri rwego

*c)* Abagenzuzi batatu (3 kuri buri rwego*)*

**Icyitonderwa** :

1. Umuhuzabikorwa, Umuhuzabikorwa wungirije n'Umunyamabanga bagize ‘’Biro ya Komite Nyobozi’’ mu nzego zose z'ubuyobozi :
2. Ku rwego rw'igihugu : - Umwanya w'umunyamabanga mu zindi nzego uhinduka Umunyamabanga Mukuru.
   - Hiyongeraho umwanya w'ushinzwe ububanyi n'amahanga n'ushinzwe imyifatire myiza (discipline).

3. Uyoboye Komite ku rwego rw'igihugu yitwa ''Umuyobozi Mukuru'', umwungirije akitwa ''Umuyobozi Mukuru Wungirije''.

## UMUTWE WA GATATU : *KWIYAMAMAZA*

**Ingingo ya gatanu** :

Kwiyamamaza ni uburenganzira bwa buri wese ariko bigakorwa umunsi w'amatora. Uwo bizagaragara ko yiyamamaje mbere ntazemererwa gutorwa ; byaba bimenyekanye myuma y'amatora, amajwi ye azaba impfabusa.

**Ingingo ya gatandatu** :

Umuntu ashobora kandi kwamamazwa n'abandi.

## UMUTWE WA KANE : *GUTORA NO GUTSINDA AMATORA*

**Ingingo ya karindwi** :

Ubuyobozi bw'urubyiruko kuri buri rwego butorwa n'Inteko Rusange iteye itya :

a. Kuri Selire : Urubyiruko rutuye muri Selire rwose.

b. Kuri Segiteri : Za Komite Nyobozi, abagenzuzi n'abajyanama b'Amaselire agize iyo Segiteri.

c. Kuri Komini : Za Komite Nyobozi, abagenzuzi n'abajyanama ba za Segiteri zigize iyo Komine n'intumwa 15 z'ibigo by'amashuli biri mur'iyo Komine.

d. Kuri Perefegitura : za Komite Nyobozi, abagenzuzi n'abajyanama ba za Komine zigize iyo Perefegitura n'intumwa 15 z'ibigo by'amashuli muriyo Perefegitura.

**Ingingo ya munani** :

Kugira ngo amatora abe, hagomba kuba hari 2/3 by'abagomba gutora (Inteko Rusange)

**Ingingo ya cyenda** :

Mu matora, abakandida bahagarara imbere, utora agahagarara inyuma y'uwo atoye.

**Ingingo ya cumi** :

Umunyamahanga yemerewe gutora ariko ntiyemerewe gutorwa.

**Ingingo ya cumi na rimwe** :

Iyo umuntu atowe ku nzego ebyiri asimburwa ku rwego rwo hasi.

**Ingingo ya cumi na kabiri** :

Mu gihe abakandida banganyije amajwi, amatora asubirwamo iyo abanganyije aribo barusha abandi amajwi.

**Ingingo ya cumi na gatatu :**
Udatowe ku mwanya wa mbere ashobora gutorwa ku wundi mwanya.

**Ingingo ya cumi na kane**
Umukandida urushije abandi amajwi aba atsinze amatora. Ariko ku rwego rw'Igihugu, utsindiye umwanya wa biro agomba kurenza 50% by'amajwi.

**Ingingo ya cumi na gatanu :**
Igihe abatora batemeye imyanzuro y'amatora, abatoresha biyambaza Komisiyoyo ku rwego rwisumbuye, binaniranye bikagezwa kuri Komisiyo y'Igihugu.Kubimenyesha urwego rukemura impaka ntibirenza iminsi irindwi.

## UMUTWE WA GATANU : *ABAGIZE KOMISIYO Y'AMATORA*

**Ingingo ya cumi na gatandatu :**
Ku rwego rw'Igihugu, Komisiyo igizwe na :

1. Intumwa 4 z'Inama Nkuru y'Urubyiruko
2. Intumwa 4 za Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Icirirtse
3. Intumwa 2 za Minisiteri y'Uburezi
4. Intumwa 2 za Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage
5. Intumwa 2 za Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini no Gutuza Abantu
6. Intumwa 1 kuri buri Ministeri mu zirebana na : - Ubuzima
   - Ubutabera
   - Amakoperative
   - Ingabo
7. Intumwa 1 ku rwego rwa : - Perezidansi
   - Visi Perezidansi
   - Ibiro bya Minisitri w'Intebe
   - Inteko Ishinga Amategeko.

Bose hamwe ni makumyabiri na babiri (22). Amategeko agenga amatora agena imiterere y'ubuyobozi bw'iyi Komisiyo.

**Ingingo ya cumi na karindwi :**
Ku rwego rwa Perefegitura, Komisiyo igizwe na :

1. Perefe
2. Umwe mu ba S/Perefe
3. Umuhuzabikorwa wa MIGEFASO muri Perefegitura
4. Umusirikare ukuriye Ingabo muri ako karere cyangwa umuhagarariye
5. Umuyobozi wa Jandarumori
6. Intumwa 2 za Komite y'Amatora mu rwego rw'Igihugu
7. Umugenzuzi w'Ifasi
8. Ankadreri w'Urubyiruko kuri Perefegitura
9. Inyangamugayo eshatu (3)

Bose hamwe ni abantu cumi na babiri (12).

**Ingingo ya cumi n'umunani :**

Ku rwego rwa Komini, Komisiyo igizwe na :

1. Intumwa 2 za Komite y'Amatora ku rwego rwa Perefegitura
2. Burugumesitiri
3. Umuhuzabikorwa wa MIGEFASO kuri Komini
4. Ushinzwe umutekano kuri Komini
5. Inyangamugayo 2
6. Umugenzuzi w'akarere (Ushinzwe amashuli)
7. Ankadreri w'Urubyiruko kuri Komini

Bose hamwe ni abantu cumi n'umwe (11).

**Ingingo ya cumi n'icyenda :**

Ku rwego rwa Segiteri, Komisiyo igizwe na :

1. Intumwa ebyiri za Komite y'Amatora ku rwego rwa Komini
2. Konseye
3. Uhagarariye MIGEFASO muri Komini
4. Burigadiye
5. Inyangamugayo 2
6. Ankadreri wa Komini w'Urubyiruko

Bose hamwe ni abantu barindwi (7).

**Ingingo ya makumyabiri :**

Ku rwego rwa Selire, Komisiyo igizwe na :

1. Intumwa ebyiri za Komisiyo y'amatora kuri Segiteri
2. Resiponsabule wa Selire
3. Burigadiye
4. Ankadireri w'Urubyiruko
5. Inyangamugayo 2 zikorana n'urubyiruko.

Bose hamwe ni abantu batandatu (6).

**Ingingo ya makumyabiri na rimwe :**

Kuva kuri Serire kugera kuri Perefegitura, ubuyobozi bwa Komisiyo buzagirwa na :

- Umuyobozi wa komisiyo
- Umuyobozi wungirije wa komisiyo
- Umwanditsi
- Ushinzwe umutekano
- Abajyanama.

**Ingingo ya makumyabiri na kabiri :**

Umuyobozi ashinzwe :

- Kuyobora amatora no gusobanura amabwiriza
- Gukemura amakimbirane igihe agaragaye mu matora
- Gutanga raporo ku rwego rwisumbuye
- Kuyobora komite y'amatora no kuyihuza n'ubutegetsi.

**Ingingo ya makumyabiri na gatatu** :

Umuyobozi Wungirije ashinzwe :

- Gusimbura Umuyobozi wa Komisiyo adahari, akamwunganira mu buyobozi bw'imirimo.

**Ingingo ya makumyabiri na kane** :

Umunyamabanga ashinzwe :

- Gutegura raporo z'amatora, n'iz'imikorere ya komite
- Gukurikirana ibarura ry'amajwi
- Gucunga ibikoresho by'amatora.

**Ingingo ya makumyabiri na gatanu** :

Ushinzwe Umutekano ashinzwe :

- Kubahiriza umutekano w'igikorwa cy'amatora
- Guhagarikira itegurwa ry'aho amatora azabera
- Gufasha umuyobozi wa komisiyo mu bibazo by'amakimbirane.

**Ingingo ya makumyabiri na gatandatu** :.

Abajyanama bashinzwe :

- Gufasha mw'itegurwa n'iyoborwa ry'amatora
- Kubara amajwi.

**Ingingo ya makumyabiri na karindwi** :

Ku rwego rw'Igihugu, ubuyobozi bwa Komisiyo bugizwe na :

1. Komiseri w'Amatora
2. Komiseri Wungirije
3. Umunyamabanga
4. Abahagarariye Komisiyo muri Perefegitura
5. Ushinzwe Umutekano
6. Ushinzwe Ibikoresho
7. Ushinzwe Information
8. Ushinzwe Imali
9. Abajyanama.

**Ingingo ya makumyabiri n'umunani**

Komiseri w'Amatora ashinzwe :

- Kuyobora komisiyo y'amatora. Ni umuvugizi wayo.
- Guhuza komisiyo na Leta, na za Perefegitura
- Gushakira ibikoresho Komisiyo
- Gutanga raporo z'amatora mu nzego za Leta zibishinzwe.

**Ingingo ya makumyabiri n'icyenda** :

Komiseri Wungirije ashinzwe :

- Kunganira Komiseri mu buyobozi bw'amatora, akanamusimbura iyo adahari
- By'umwihariko, ashinzwe gukemura amakimbirane ashingiye ku matora.

**Ingingo ya mirongo itatu :**

Umwanditsi ashinzwe :

- Kwegeranya za raporo z'amatora
- Inyandiko za komisiyo zose
- Niwe utegura raporo rusange y'amatora
- Kwakira no kohereza inyandiko zijyanye n'amatora.

**Ingingo ya mirongo itatu na rimwe :**

Ushinzwe Umutekano ashinzwe :

- Gukurikirana umutekano w'amatora ku rwego rw'igihugu
- Kunganira Komiseri Wungirije mu bibazo bijyanye no gukemura amakimbirane.

**Ingingo ya mirongo itatu na kabiri :**

Ushinzwe Information ashinzwe :

- Kumenyekanisha gahunda y'amatora, no kuyikangurira urubyiruko.

**Ingingo ya mirongo itatu na gatatu :**

Ushinzwe ibikoresho ashinzwe :

- Gucunga, akanakira ibikoresho
- Gutanga ibikoresho aho bikenewe, akabitangira raporo
- Kugura ibikoresho, bisabwe na Komisiyo
- Gukurikirana uburyo bikoreshwa.

**Ingingo ya mirongo itatu na kane :**

Ushinzwe Imali ashinzwe :

- Gutegura ingengo y'imari
- Kunganira Komiseri mu gukurikirana umutungo wa Komisiyo
- Gutanga raporo y'ikoreshwa ry'amafaranga.

**Ingingo ya mirongo itatu na gatanu :**

Abahagarariye Komisiyo mu ma perefegitura bashinzwe :

- Guhagararira Komisiyo mu matora ku rwego rwa Perefegitura
- Gutanga raporo z'amatora muri Komisiyo.

**Ingingo ya mirongo itatu na gatandatu :**

Abajyanama bashinzwe :

- Kunganira abashinzwe imirimo inyuranye mu gihe cyose bakeneye inkunga yabo
- Gusimbura Umuyobozi uwo ariwe wese utabonetse, bisabwe na Komiseri.
- Gufasha mu mirimo yose y'amatora.

**Ingingo ya mirongo itatu na karindwi :**

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe gufasha gukemurira ibibazo inzego zo hasi. Mu gihe habaye ibibazo muri Komisiyo y'Igihugu, bifashisha Ministeri ishinzwe urubyiruko.

**Ingingo ya mirongo itatu n'umunani :**

Komiseri ku rwego rw'Igihugu ashyirwaho na Ministiri ushinzwe urubyiruko. Abandi bagize komisiyo y'Igihugu barahura bakitoramo abandi bayobozi, bihagarariwe na Komiseri.

**Ingingo ya mirongo itatu n'icyenda :**

Abahagarariye Komisiyo y'Igihugu mu ma Perefegitura bafatanya na Perefe gushyiraho komite z'amatora muri Perefegitura, bakabimenyesha Komisiyo y'Igihugu.

**Ingingo ya mirongo ine :**

Ku nzego zose, utoresha asabwa :

* Kuba ari umunyarwanda
* Kutitoresha
* Kutabogama
* Kuba ari inyangamugayo, nkuko bisobanurwa muri iyi nyandiko
* Kuba azi gusoma no kwandika.

## UMUTWE WA GATANDATU : *MANDA*

**Ingingo ya mirongo ine na rimwe :**

Manda y'abatorewe kujya mu buyobozi bw'urubyiruko izarangirana n'igihe kigenwa na sitati, uhereye umunsi Inama Nkuru y'Urubyiruko y'agateganyo izaba icyuye igihe.

**Ingingo ya mirongo ine na kabiri :**

Utorewe mu buyobozi ashobora guhagarika imirimo mbere y'igihe yatorewe ku mpamvu zikurikira :

a) Urupfu
b) Kwegura imbere y'Inteko Rusange akabyemererwa
c) Guhagarikwa n'abagize Inteko Rusange ifatiye ku myifatire mibi, ubushobozi buke cyangwa intege nke mu mirimo n'izindi mpamvu zagaragarira Inteko Rusange.

**Ingingo ya mirongo ine na gatatu :**

Abatorewe kujya mu buyobozi bafite inshingano zikurikira :

a) Kumenya ibibazo urubyiruko rufite no gufatanya n'inzego za Leta kubikemura
b) Gushyiraho urubuga ruhoraho rwo guhuza urubyiruko mu bikorwa byo kongera umusaruro, kwidagadura n'iby'amajyambere rusange
c) KUNGANIRA Leta batanga ibitekerezo bigamije imibereho myiza y'urubyiruko n'abaturage bose muri rusange n'imiyoborere y'igihugu
d) Guharanira ubumwe bw'abanyarwanda, iyubahirizwa ry'ikiremwa-muntu n'umutekanomu Rwanda n'amajyambere y'abanyarwanda
e) Gukangurira abarezi, abategetsi n'abatera inkunga u Rwanda kwita ku-rubyiruko no kurutega amatwi.

**Ingingo ya mirongo ine na kane :**

Utorewe umurimo w'ubuyobozi arahirira imbere y'Inteko Rusange yo ku rwego ariho muri aya magambo :

*Jyewe.................................................................(amazina) mw'izina ry'Imana ishobora byose n'imbere y'Abanyarwanda, ndahiriye gukorera urubyiruko no guharanira amahoro, amajyambere n'imibereho myiza yarwo n'Abaturarwanda muri rusange. Nzita ku mirimo nshinzwe nisunze amategeko.*

## UMUTWE WA KARINDWI : *INGINGO ZISOZA.*

**Ingingo ya mirongo ine na gatanu** :

Inyandiko y'inzego z'urubyiruko iratanga ibisobanuro ku mikoranire y'inzego z'urubyiruko n'izindi nzego z'ubuyobozi (abari n'abategarugori, ubutegetsi bwite bwa leta, amashyirahamwe n'imiryango y'urubyiruko). Abatowe mu nzego bazahabwa iyo nyandiko.

**Ingingo ya mirongo ine na gatandatu** :

Amategeko agenga Inama Nkuru y'Urubyiruko Nyarwanda n'inyandiko yihariye y'inzego bisobanura uburyo inzego zitowe zizakora. Abatowe mu buyobozi bagomba kubaha amategeko nkuko ari.

REPUBLULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
B.P. 622 KIGALI

Kigali, kuwa 15 MARS 1999.

N° 0685/12.02/05/00/99

K'Umugenzuzi w'Ifasi (Bose)

Impamvu :
Ishingwa ry'inzego z'urubyiruko mu bigo by'amashuri.

Mbandikiye mbibutsa gahunda y'ishingwa ry'Inzego z'Urubyiruko mu mashuri nkuko tumaze iminsi tubibasobanurira ndetse tukunganirwa n'Inama Nkuru y'Urubyiruko mu manama yakoze mu maperefegitura aho namwe mwatumiwe.

Nkuko mubizi iyi gahunda ijyanye n'ishyirwaho ry'inzego z'urubyiruko nyawanda, nkaba mbahwiturira gufata iya mbere mw'ishingwa ryazo mu mashuri. Ku mugereka w'iyi baruwa hari ibisobanuro birambuye bizunganirwa n'intumwa tuzohereza kubafasha, mu gihe kitarambiranye.

Mugire akazi keza.

Mr.MUDIDI Emmanuel

Minisitiri w'Uburezi

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de l'Education

Bimenyeshejwe :
- Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere ya Komini.
- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire no Guteza Imbere Umunyarwandakazi
- Perefe wa perefegitura (Bose)
- Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
B.P. 622 KIGALI

## UBUTUMWA BUGENEWE ABANYESHURI BO MU RWANDA

Minisiteri y'Uburezi yishimiye kubagezaho iyi nyandiko ikubiyemo ibitekerezo shingiro by'ishingwa ry'inzego zizahuza abanyeshuri b'abanyarwanda.

Ibyo bitekerezo byatanzwe na bagenzi banyu bahagarariye ibigo by'amashuri yisumbuye , mu ngando y'i Kansi ndetse bunganirwa n'abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda n'andi mashuri makuru yo muri Rwanda. Turifuza ko mwabiganiraho kuko izi nzego ari izanyu. Nyuma y'icyo gikorwa musabwe gutora intumwa zizabahagararira mw'ihuriro rusange ry'abanyeshuri riteganyijwe mu minsi iri imbere.

Mugire Urukundo, Ishyaka n'Ubutwari.

Mr.MUDIDI Emmanuel

Minisitiri w'Uburezi.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministre de l'Education

## I. INTERURO

Abanyeshuri mu Rwanda kimwe no mu bindi bihugu by'Afrika ndetse no kw'isi biganje mu mubare ufite imbaraga, ubumenyi n'ubushobozi byaba inkingi y'amajyambere. Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere usanga umubare w'abagishoboye gukora uri hagati y'imyaka 15 - 45 (Productive force) kandi amizero y'ubuzima (average life expectancy) akaba imyaka mirongo ine n'umunani (48 years). Ibi biragaragaza ko kugira ngo abanyeshuri bigirire akamaro ndetse banagire ikizere cya nyuma y'amashuri yabo, ni uko bashyiraho akabo mu gihe bakiri mu mashuri, kuko imyaka myinshi y'akamaro bayimara mu buzima bw'ikinyeshuri (abanyeshuri mu Rwanda barangiza za Kaminuza n'andi mashuri makuru bafite hafi imyaka 30).

Iki gihe rero gikwiye kuba ishingiro ryo kwiyubaka nk'abanyeshuri, nk'abenegihugu. Mu Rwanda ku buryo bw'umwihariko abanyeshuri, kimwe n'urundi rubyiruko bugarijwe n'ibibazo binyuranye nk'ubukene, ubujiji, indwara z'ibyorezo ndetse n'ingaruka z'amateka mabi yaje kutugeza kuri « Genocide ». Aha twavuga ubupfubyi, amacakubiri, urwikekwe. Kugira ngo haboneke inzira yo kubikemura ni uko abanyeshuri mu Rwanda bakwishyira hamwe bakagira ihuriro rusange ribahuza rikaba urubuga rwo kunyuzamo ibitekerezo byabo, kugirana no kujya inama bityo na Leta bikayorohera kugira ngo ibafashe.

Mu rwego Mpuzamahanga u Rwanda ruri inyuma muri iyo nzira. Ibihugu byinshi by'isi uhereye ku bidukikije iyi nzira byayinyuzemo, ku buryo hari amahuriro y'abanyeshuri mu migabane yose y'isi. N'ukuvuga AFRICA, EUROPE, ASIA, NORTH AMERICA, SOUTH AMERICA na AUSTRARIA.

Ibi biragaragaza ko ishyirwaho ry'ishyirahamwe ry'abanyeshuri nyarwanda ryatinze. Ni icyifuzo cy'abanyeshuri batangiye mu ngando y'i Kansi (12/9/98-04-10-98), ahari hateraniye abahagarariye abanyeshuri mu mashuri yisumbuye ndetse bakunganirwa na za kaminuza n'andi mashuri makuru, mu biganiro bagiranye n'abayobozi b'inama Nkuru y'urubyiruko.

**IHURIRO RUSANGE RY'ABAHAGARARIYE ABANYESHURI (DELEGATES CONFERENCE/CONFERENCE DES DELEGUES)**

## A. INTEGO

- Kwemeza amategeko na gahunda bizagenga ihuriro ry'abanyeshuri
- Gushyiraho Komite y'ihuriro
- Gushyiraho ingamba z'imikoranire n'izindi nzego zita ku banyeshuri
- Kwiga ku ngamba zo kubona ibikoresho.

## B. ABANTU/IGIHE

Inama izabera i Kigali, nyuma y'ishingwa ry'inzego ku rwego rwa Perefegitura, inama izamara iminsi ine (4).

## C. ABAZATUMIRWA

- Komite za Perefegitura mu mashuri yisumbuye
- Intumwa (Délégués) z'amashuri makuru na Kaminuza
- Ubuyobozi bw'Inama Nkuru y'Urubyiruko
- Abahagarariye MINEDUC, MIJESCAFOP, MININTER, MIGEFASO, MINIJUST, MINISANTE, PRESIDENCE, PRIMATURE, INTEKO ISHINGA AMATEGEKO.

## D. IMYITEGURO

Kugirango Inama izagende neza, hari ibigomba kuboneka. Ibitekerezo by'abanyeshuri ku ihuriro kugira ibitekerezo ku izina n'ibindi bintu byariranga nk'ibendera, ikirangantego, umusanzu w'abanyeshuri, gahunda z'ibyakorwa, imikoranire n'ubuyobozi bw'ikigo n'ibindi. Gutora inzego z'ibanze, kugera kuri perefegitura ; Buri kigo kigomba kubitunganya kugirango inama izajyemo ibitekerezo bya bose.

## II. IBITEKEREZO BY'ABANYESHURI KW'ISHYIRWAHO RY'ISHYIRAHAMWE RIBAHUZA

### A) INTEGO N'IMIGAMBI

1. Gushyiraho ihuriro ry'abanyeshuri bo mu Rwanda, bakaritangiramo ibitekerezo byabo bityo bakagira uruhare mu kwikemurira ibibazo.
2. Guhamagarira abanyeshuri gukora imirimo igamije guteza imbere imibereho myiza yabo n'amajyambere y'igihugu.
3. Kuyobora no gufasha abanyamuryango mubyo gukomeza amasomo yabo no guteza imbere uburezi mu Rwanda.
4. Guharanira ubumwe mu banyeshuri, kuba mw'ituze no mu busabane bakaba urugero rw'Abanyarwanda.
5. Gukangurira abanyeshuri kwirinda ibikorwa bibi nk'ubusinzi, gukoresha ibiyobyabwenge, ubusambanyi n'ibindi bityo bagaterwa ishema n'umurage w'umuco w'abasogokuruza bagaharanira kuwuteza imbere.
6. Guharanira icyarengera uburenganzira bw'ikiremwa muntu nkuko biteganywa mw'itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, amasezerano mpuzamahanga yo kurengera ikiremwa muntu kimwe n'amahame y'umuryango w'ubumwe bw'Afrika (O.U.A).
7. Guhagararira abanyeshuri b'u Rwanda mu mahuriro y'igihugu cyangwa mpuzamahanga.
8. Kurwanya amatwara n'ibikorwa bidindiza iterambere ry'abatuye isi nAbanyarwanda by'umwihariko nko kurenganya, kwironda, guhohotera no kwangiza ibidukikije.
9. Gukurikiza intego n'imigambi byavuzwe haruguru nta gushingira kuri politiki iyi n'iyi, ku idini, ku bwoko, ku karere cyangwa kurindi vangura.

### B) ABANYAMURYANGO

Buri munyamuryango wiga mu Rwanda n'uwiga hanze ari umunyarwanda, ahamagariwe kuba umunyamuryango.

### C) INZEGO Z'UMURYANGO

Inzego z'umuryango zigizwe n'Inteko Rusange, komite Nyobozi, Abagenzuzi n'Abajyanama.

1. INTEKO RUSANGE

* Ku rwego rw'ikigo, Inteko Rusange igizwe n'abahagarariye buri shuri riri mu kigo muburyo bukurikira :

  a. Ikigo kigizwe n'ishuri rimwe kugeza kuri abiri : Inteko rusange igizwe n'abanyeshuri bose bagize icyo kigo.
  b. Ibigo bifite amashuri kuva kuri atatu kugeza kuri atandatu : Inteko rusange igizwe n'abanyeshuri batandatu bahagarariye buri shuri.
  c. Ibigo bifite amashuri arindwi kuzamura : Inteko Rusange igizwe n'abanyeshuri batatu bahagarariye buri shuri.

* Ku rwego rwa Komini, Inteko Rusange igizwe na za Komite Nyobozi z'ibigo byo muri Komini
* Ku rwego rwa perefegitura, Inteko Rusange igizwe na za komite Nyobozi z'amakomini yo muri Perefegitura.
* Ku rwego rw'igihugu, Inteko Rusange igizwe na :

  - Abantu batandatu boherejwe na buri Nteko Rusange ya Perefegitura
  - Abantu batanu bahagarariye buri kigo cya Kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru.

Mu rwego rw'ubutwererane n'abanyeshuri bo mu mahanga, Inteko Rusange ishobora gutumirwamo intumwa z'abanyeshuri b'abanyarwanda cyangwa bo mu bindi bihugu baza nk'indorerezi.

2. KOMITE NYOBOZI

Komite Nyobozi itorwa n'inteko Rusange. Igizwe kugeza ku rwego rwa Perefegitura n'aba bakurikira :

1. Perezida
2. Vice-Perezida, ureba n'ibijyanye n'umutungo
3. Umunyamabanga Mukuru, ureba b'ibijyanye n'amakuru
4. Ushinzwe uburezi, umuco na discipline
5. Ushinzwe imibereho myiza n'imibanire
6. Ushinzwe imikino n'imyidagaduro.

Urwego rw'Igihugu hari :

- Ushinzwe ububanyi n'amahanga
- Umuyobozi wihariye ushinzwe discipline.

## III. ABAGENZUZI

Kuri buri rwego hatorwa abagenzuzi batatu, bashinzwe kugenzura iyubahirizwa rya gahunda n'amategeko n'ikoreshwa ry'umutungo. Abagenzuzi baguma ku rwego batoreweho.

## IV. ABAJYANAMA

- Ku rwego rw'ikigo hatorwa abajyanama batatu mu barimu n'abayobozi b'ibigo.
- Ku rwego rwa Komine na Perefegitura hatorwa abanyeshuri batatu.
  Kuri Kaminuza no mu mashuri makuru, ahenshi ubuyobozi bw'abanyeshuri buba bujya gusa n'ubw'inzego zigiye kujyaho. Aho bizaba bimeze bityo, hazashakwa uburyo ihuriro ry'abanyeshuri rihagararirwa n'intumwa (Delegates/Délégués) zifite inshingano zitagongana n'ubuyobozi busanzwe.

**ICYITONDERWA :**

1. Muri za Komine zifite ikigo kimwe, Komite nyobozi y'ikigo na none iba Komite Nyobozi ya komine.
2. Ku rwego rwa Komine, Perefegitura no ku rwego rw'Igihugu, Inteko Rusange y'abanyeshuri yitoramo abandi 15 babahagarariye mu nteko rusange y'urubyiruko rusange. Iyo batabonetse bahagararirwa n'umubare ubonetse.
3. Imikorere y'Inzego isobanurwa mu nyandiko yihariye igenga imikorere mu muryango (Internal regulations/Règlements d'ordre intérieur) n'Itegeko Shingiro (Constitution/Statuts) ry'umuryango.
4. Izo nyandiko zombizizemezwa mw'ihuriro Rusange ry'Abahagarariye Abanyeshuri (Student's delegates conference/Conférence des Délégués) cyo kimwe na gahunda y'ibikorwa.
5. Iryo huriro rizaba inzego zimaze gukorwa kugera kuri Perefegitura.

## *UMUGEREKA*

Uburyo bwo gutora :

Reba ingingo 8, 9, 10, 11, 12, 13, 13, 14, 1.5 z'amatora y'inzego z'urubyiruko.

Reba indahiro.

# AMATORA Y'INZEGO Z'URUBYIRUKO

## I. GUTORA NO GUTSINDA AMATORA

**Ingingo ya karindwi :**

Ubuyobozi bw'Urubyiruko kuri buri rwego butorwa n'inteko Rusange iteye itya :

a. Kuri Selire : Urubyiruko rutuye muri Selire rwose.
b. Kuri Segiteri : Za Komite Nyobozi, abagenzuzi n'abajyanama bagize iyo Segiteri.
c. Kuri komini : Za Komite Nyobozi, abagenzuzi n'abajyanama ba za Segiteri zigize iyo Komini n'intumwa 15 z'ibigo by'amashuri muri iyo Komini.

**Ingingo ya munani :**

Kugira ngo amatora abe, hagomba kuba hari 2/3 by'abagomba gutora (Inteko Rusange).

**Ingingo ya cyenda :**

Mu matora, abakandida bahagarara imbere, utora agahagarara inyuma y'uwo atoye.

**Ingingo ya cumi :**

Umunyamahanga yemerewe gutora ariko ntiyemerewe gutorwa.

**Ingingo ya cumi na rimwe :**

Iyo umuntu atowe ku nzego ebyiri asimburwa ku rwego rwo hasi.

**Ingingo ya cumi na kabiri :**

Mu gihe abakandida banganyije amajwi, amatora asubirwamo iyo abanganyije aribo barusha abandi amajwi.

**Ingingo ya cumi na gatatu :**

udatowe ku mwanya umwe ashobora gutorwa ku wundi mwanya.

**Ingingo yacumi na kane :**

Umukandida urushije abandi amajwi aba atsinze amatora. Ariko ku rwego rw'igihugu utsindiye umwanya wa biro agomba kurenza 50% by'amajwi.

**Ingingo ya cumi na gatanu :**

Igihe abatora batemeye imyanzuro y'amatora, abatoresha biyambaza Komisiyo yo ku rwego rwisumbuye, binaniranye bikagezwa kuri Komisiyo y'Igihugu, kubimenyesha urwego rukemura impaka ntibirenza iminsi irindwi (7 jours).

**Ibyitonderwa mu matora y'inzego z'urubyiruko**

1°Urubyiruko rwose rufite uburenganzira bwo gutora no gutorwa.
2°Urubyiruko, ni ukuvuga abantu bafite kuva ku myaka 14 kugera kuri35.
3°Urubyiruko rutorerwa ubuyobozi nibura rugomba kuba rufite imyaka 18.
4°Ubuyobozi bw'urubyiruko, kuva kuri Selire kugera kuri Perefegitura, bugizwe na :

1) Umuhuzabikorwa
2) Umuhuzabikorwa wungirije akaba ashinzwe na discipline
3) Umunyamabanga
4) Ushinzwe uburezi n'umuco
5) Ushinzwe abari
6) Ushinzwe kongera umusaruro n'imibereho myiza
7) Ushinzwe ingimbi
8) Ushinzwe imari
9) Ushinzwe Siporo n'Imyidagaduro
10) Ushinzwe itangazamakuru n'ubushakashatsi.

Abajyanama 3 Abagenzuzi 3

**N.B** : Mubajyanama hazabaho umuntu umwe ushinzwe ubuzima

5° Utowe arahira ngo (abatorewe umurimo w'ubuyobozi)

« Njyewe .................................................................(Amazina) mw'izina ry'imana ishobora byose n'imbere y'abanyarwanda, ndahiriye gukorera urubyiruko no guharanira amahoro, amajyambere n'imibereho myiza yarwo n'Abaturarwanda muri rusange. Nzita ku mirimo nshinzwe nisunze amategeko.

6° Abatowe bahita batangira imirimo mu gihe bagitegereje inkunga n'amahugurwa.

**Icyitonderwa** : Ibi n'incamake. Muzifashisha document ya MIJESCAFOP mu buryo burambuye.